**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA NYAMAGABE**
**INAMA NJYANAMA Y'AKARERE**

**N0.009../07.02.05**

Nyamagabe, kuwa 30/09/2022

**Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyepfo**
**NYANZA**

**Impamvu**: Kohereza ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama

Madamu Guverineri,

Nejejwe no kuboherereza ku mugereka w'iyi baruwa ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yateranye ku wa 23 Nzeri 2022.

Mbashimiye uko mubyakira.

**UWAMAHORO Clotilde**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe
  **NYAMAGABE**

# INYANDIKOMVUGO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 23 NZERI 2022.

Ku wa 23 Nzeri 2022, mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Nyamagabe hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi wayo Madamu UWAMAHORO Clotilde.

Amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa wuzuye kugira ngo Inama Njyanama iterane, agasanga hitabiriye Abajyanama 17 kuri 17 bagize Inama Njyanama y'Akarere, Umuyobozi w'inama yatangije inama kandi aranayiyobora.

Umuyobozi w'inama yatangiye yakira umukozi wa RALGA, Bwana RUTAREMARA Vincent, wari waje kugeza ku nama njyanama ibyavuye mu bushakashatsi ku mahirwe y'iterambere agaragara mu karere ka Nyamagabe.

Umuyobozi w'inama yibukije abitabiriye inama ingingo zari ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa ari zo izi zikurikira:

1. Kugezwaho na RALGA ibyavuye mu bushakashatsi ku mahirwe y'iterambere agaragara mu karere (District Local Economic Potentialities).
2. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 30 Kamena 2022 n'iy'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 27 Kanama 2022.
3. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 30 Kamena 2022 n'iy'inama idasanzwe yateranye ku wa 27 Kanama 2022.
4. Gusuzuma raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2022-2023.
5. Kurebera hamwe aho imihigo y'umwaka wa 2022-2023 igeze ishyirwa mu bikorwa.
6. Gusuzuma no kwemeza raporo ya Komite Ngenzuzi y'igihembwe cya 1 cy'umwaka wa 2022-203 kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka wa 2020-2021.
7. Gusuzuma no kwemeza ibiruhuko by'umwaka byasabwe n'abagize Komite Nyobozi.
8. Ibindi.

**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 23 NZERI 2022**

| Nº | INGINGO YIZWE | ICYEMEZO CYAFASHWE | UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE | UZAGISHYIRA MU BIKORWA | IGIHE KIZASHYIRWA MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Kugezwaho na RALGA ibyavuye mu bushakashatsi ku mahirwe y'iterambere agaragara mu karere (District Local Economic Potentialities) | Inama Njyanama yagejejweho na RALGA ibyavuye mu bushakashatsi ku mahirwe y'iterambere agaragara mu karere ka Nyamagabe, aho bwagaragaje ko amwe mu mahirwe y'ingenzi agaragara mu karere ka Nyamagabe ari:<br>- Ubutaka bwiza kandi bwera<br>- Ubworozi bw'amatungo<br>- Ubukerarugendo<br>- Ubucukuzi ndetse na Kariyeli<br>- Ibishanga<br>- Amashyamba<br><br>Inama Njyanama yashimiye RALGA ku bwo kugaragaza amahirwe agaragara mu Karere. | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Inama Njyanama yasabye ko hongerwa imbaraga mu gukurura abashoramari hitawe ku kubyaza umusaruro amahirwe Akarere gafite.<br><br>RALGA yemereye akarere ko kajya kayimenyesha aho yarushaho gutanga inama n'ubusesenguzi bwisumbuyeho, hashingiwe ku byavuye mu bushakashatsi. | | | |
| 2 | Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 30 Kamena 2022 n'iy'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 27 Kanama 2022. | Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 30 Kamena 2022 n'iy'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 27 Kanama 2022, buri nyandikomvugo ukwayo imaze kuzikorera ubugororangingo. | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 3 | Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 30 Kamena 2022 n'iy'inama idasanzwe yateranye ku wa 27 Kanama 2022. | Inama Njyanama imaze gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama yateranye ku wa 30 Kamena 2022 n'iby'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 27 Kanama 2022, igasanga ibyemezo by'Inama Njyanama yateranye ku wa 30 Kamena 2022 byarashyizwe mu bikorwa ku kigero cya 97%, naho iby'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 27 Kanama 2022 bigashyirwa mu bikorwa ku kigero cya 100%, yasabye kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo kimwe gisigaye cyo kwishyura Madamu SINDAYIGAYA Felicite amafaranga y'ibirarane y'umugabo we NSENGIMANA Syrille wari Burugumesitiri wa komini Karama.<br><br>Inama Njyanama yongeye gusaba kandi ko ibyemezo by'Inama Njyanama byajya bishyirwa kuri website y'Akarere ndetse bikanamanikwa ku biro by'imirenge n'utugari byose, mu gihe kitarenze iminsi irindwi intara ishubije. | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 4 | Gusuzuma raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2022-2023. | Inama Njyanama yasanze mu ngengo y'imari isanzwe ingana na Miliyari cumi n'umunani na miriyoni magana cyenda na mirongo itatu n'imwe n'ibihumbi magana abiri na mirongo itandatu na bibiri n'amafaranga mirongo itandatu n'atanu (18,931,262,065 FRW) harakoreshejwe angana na miriyari eshatu na miriyoni magana inani na mirongo itatu n'umunani n'ibihumbi magana ane na mirongo itanu na bitandatu n'amafaranga magana atanu na mirongo cyenda n'atandatu (3,838,456,596 FRW) bingana na 20.28%.<br>Ku ngengo y'imari y'iterambere ingana na miliyari icumi na miriyoni magana inani na mirongo itatu n'eshanu n'ibihumbi ijana na cumin a bine n'amafaranga ijana na mirongo irindwi n'ane (10,835,114,174 FRW) hamaze gukoreshwa angana na miriyari imwe na miriyoni mirongo itanu n'eshanu n'ibihumbi ijana na mirongo irindwi na bibiri n'amafaranga magana cyenda na cumi n'atatu (1,055,172,913) bingana na 9.74%.<br>Inama Njyanama imaze gusanga ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'iterambere riri ku kigero gito cyane, yasabye Komite Nyobozi kwihutisha imihigo n'ibindi bikorwa bityo n'ikoreshwa ry'ingengo y'imari rikihutishwa. | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 5 | Kurebera hamwe aho imihigo y'umwaka wa 2022-2023 igeze ishyirwa mu bikorwa. | Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo ku mihigo y'umwaka wa 2022-2023 mu gihembwe cya mbere yasanze mu mihigo 110 Akarere ka NYAMAGABE gafite muri yo imihigo 41 yaragezweho ku kigereranyo cya 100%, imihigo 9 igeze ku kigereranyo kiri hagati ya 80-99%, imihigo 8 iri hagati ya 50-79.9%, imihigo 7 igeze munsi ya 50% naho imihigo 45 ntiratangira.<br>Inama Njyanama yasabye ko ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ryihutishwa kugira ngo imihigo yose izararangirire igihe. | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |
| 6 | Gusuzuma no kwemeza raporo ya Komite Ngenzuzi y'igihembwe cya 1 cy'umwaka wa 2022-203 kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka wa 2020-2021. | Inama Njyanama imaze gusuzuma raporo ya Komite Ngenzuzi y'igihembwe cya 1 cy'umwaka wa 2022-2023 kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka wa 2020-2021yafashe ibyemezo bikurikira:<br>➢ Hagomba kwitabwa ku gukurikiza amategeko mu mitangire y'amasoko.<br>➢ Kwita ku gukurikiza amategeko mu micungire y'abakozi.<br>➢ Ibigo bishamikiye ku Karere bigomba kugisha inama Umunyamategeko w'Akarere igihe cyose bigiye gukora amasezerano yaba ay'amasoko ndetse n'ay'akazi.<br>➢ Gukemura ibibazo biri mu mitangire y'imbuto n'inyongera musaruro. | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | ➢ Gukora ibaruramari rinoze kandi hagashyirwa imbaraga mu gukosora raporo z'ibigo bishamikiye ku Karere (NBAs)<br>➢ Gushyira imbaraga mu kwishyuza ishwagara.<br>➢ Gukemura ibibazo bijyanye no gukora urutonde rwa Girinka rwujuje ibisabwa.<br>➢ Gukurikirana inka zipfa ziri mu bwishingizi kugira ngo zishyurwe kandi ku gihe<br>➢ Gukorana na Minisiteri zibishinzwe kugira ngo imyenda yasizwe n'icyahoze ari Mutuelle yishyurwe.<br>➢ Gukorana n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro (RRA) kugira ngo ibibazo bijyanye n'imisoro bikemuke(database, imyandikire y'imisoro n'amahoro mu gihe bayinjiza)<br>➢ Gukurikiza amategeko agenga imisoro.<br>➢ Gushyira imbaraga mu kwishyuza ubukode bw'imitungo y'Akarere ikodeshwa, amasezerano aba yagiranywe n'impande zombi akubahirizwa.<br>➢ Gukemura ibibazo bijyanye n'iminyekanisha (declarations) zose muri RSSB z'abakozi | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | bitarenze tariki 15 za buri kwezi nkuko amategeko abiteganya<br><br>➢ Gukorana n'inzego zibifite mu nshingano, abakozi basezeye akazi bafite imodoka basangiye na Leta ku bw'amasezerano bazazishyura.<br><br>➢ Gukurikirana ishyirwamubikorwa ry'inama zatanzwe n'umugenzuzi mukuru w'Imari ya Leta kandi bigatangirwa raporo buri cyumweru mu biro by'Inama Njyanama, inama zose zikaba zamaze gushyirwa mu bikorwa bitarenze ukwezi k'Ukwakira 2022.<br><br>➢ Buri mukozi agomba kubazwa inshingano ze ndetse n'uzagaragaza uburangare no kutuzuza inshingano agafatirwa ibihano biteganywa n'amategeko | | | |
| 7 | Gusuzuma no kwemeza ibiruhuko by'umwaka byasabwe na Komite Nyobozi | Inama Njyanama imaze gusuzuma amabaruwa abagize Komite Nyobozi banditse basaba ibiruhuko by'umwaka wa 2022-2023, yemeje ibiruhuko by'umwaka ku bagize Komite Nyobozi mu buryo bukurikira:<br><br>1. Umuyobozi w'Akarere, Bwana NIYOMWUNGERI Hildebrand yemerewe | Ubwumvikane busesuye | Komite Nyobozi | Bikimara kwemezwa |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | ikiruhuko cy'iminsi 15 y'umwaka wa 2022-2023 kizatangira ku itariki ya 01/11/2022 kugeza ku itariki ya 15/11/2022.<br>2. Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'ubukungu mu Karere, Bwana HABIMANA Thadee yemerewe ikiruhuko cy'iminsi 15 y'umwaka wa 2022-2023 kizatangira ku itariki ya 1/3/2023 kikageza ku itariki ya 15/03/2023.<br>3. Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage, Madamu UWAMARIYA Agnes yemerewe ikiruhuko cy'iminsi 15 y'umwaka wa 2022-2023 kizatangira ku itariki ya 01/12/2022 kugeza ku itariki ya 15/12/2022. | | | |
| 8 | Ibindi | - Umuyobozi w'Akarere yasangije Inama Njyanama amakuru ku ruzinduko bagiriye mu gihugu cy'u Budage, mu ntara ya Rhineland-Palatinate, mu rwego rwo kurushaho gutsura umubano.<br>- Yavuze ko basuye aborozi batandukanye b'inka n'ihene bahungukira ubumenyi butandukanye, ndetse bafata umwanzuro w'ibyatangira gukorerwa mu karere ka Nyamagabe bishingiye kuri uwo mubano | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | - Nyuma y'ibyo hanzuwe ko hagiye kongerwa umukamo no gutangira kwiga uko uwo mukamo wazavamo yoghurt. | | | |

Inama Njyanama yatangiye imirimo yayo saa yine n'iminota makumyabiri n'itandatu (10H26) iyisoza saa kumi n'imwe n'iminota mirongo itatu n'itatu (17h33).

**Umwansitsi w'inama**

Digitally signed by Abraham UWIMANA
Date: 2022.09.30 09:26:08 +02'00'

**UWIMANA Abraham**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe

**Umuyobozi w'inama**

**UWAMAHORO Clotilde**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe

**RAPORO Y'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 30 KAMENA 2022**

| Nº | INGINGO YIZWE | ICYEMEZO CYAFASHWE | UWAGOMBAGA KUGISHYIRA MU BIKORWA | UKO CYASHYIZWE MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 25 Werurwe 2022. | Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Nyanama yateranye ku wa 25 Werurwe 2022. | Komite Nyobozi | Inyandikomvugo yashyikirijwe Intara ku gihe. |
| 2 | Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 25 Werurwe 2022. | Mu gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo, inama njyanama yasanze ku byemezo 38 byafashwe, 92.1% byari byarashyizwe mu bikorwa;<br>naho 7.9% byari bitaragerwaho. Ubu ibyemezo byose byamaze gushyirwa mu bikorwa bingana na 97%.<br>Ibindi byemezo byari bitarashyirwa mu bikorwa ni ibi bikurikira: | Komite Nyobozi | Byarakozwe |
| | | • Kwishyura Madamu SINDAYIGAYA Felicite amafaranga y'ibirarane y'umugabo we NSENGIMANA | Komite Nyobozi | Ntibirakorwa. |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | Syrille wari Burugumesitiri wa Komini Karama<br>• Kongera gusuzuma ikibazo cya Madamu UWONKUNDA Marie Chantal | Komite Nyobozi | Byarakozwe. |
| 3 | Gusuzuma raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi mu mezi atandatu asoza umwaka wa 2021-2022. | Inama njyanama yasabye ko komite nyobozi yongera ingamba kugirango imihigo ya 2021-2022 yeswe ku gihe. | Ubwumvikane busesuye | Umwaka w'imihigo wa 2021-2022 washojwe imihigo 75 imaze kugerwaho ku kigereranyo cya 100%, imihigo 15 yagezweho ku kigereranyo kiri hagati ya 80-99%, imihigo 2 ikaba yari ikiri hasi ya 50%. |
| 4 | Gusuzuma raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'umwaka wa 2021-2022 | Ku ngengo y'imari yose ingana na miliyari 26, inama njyanama imaze gusanga gusanga ko budget depletion iri kuri 90.54%, yasabye ko commitments zose zihari zihutishwa iri janisha rikiyongera | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | Umwaka w'ingengo y'imari wa 2021-2022 warangiye hakoreshejwe 96,50%. |
| 5 | Kwemeza tarifu y'imisoro n'amahoro y'umwaka wa 2022-2023 | Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo kuri tarifu y'imisoro n'amahoro y'umwaka wa 2022-2023, yemeje ko hakomeza gukoreshwa | | Tarifu y'imisoro n'amahoro y'umwaka wa 2021-2022 yemejwe niyo ikomeje |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | tarifu y'imisoro n'amahoro y'umwaka wa 2021-2022. | | gukoreshwa mu gukusanya imisoro n'amahoro. |
| 6 | Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe, ibikorwa bijyanye nayo n'imihigo by'umwaka wa 2022-2023 | Inama Njyanama imaze gusuzuma no kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, igasuzuma ibikorwa binini bizaba bikubiye mu imihigo y'Akarere, imaze kandi gusesengura imiterere y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2022-2023; yemeje ingengo y'imari y'Umwaka wa 2022-2023 ingana na **Miliyari makumyabiri n'icyenda na Miliyoni magana arindwi na mirongo itandatu n' esheshatu n'Ibihumbi magana atatu na mirongo irindwi na bitandatu na Magana abiri na mirongo itatu n'icyenda y'amafaranga y'u Rwanda (29,766,376,239)**. | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | Ingengo y'imari yemejwe ni yo iri gukoreshwa |
| 7 | Gusuzuma ikibazo cy'amadeni ya financial services amaze igihe kirekire atishyurwa. | Inama Njyanama ishingiye ku ibaruwa y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyamagabe yo ku wa 24 Kamena 2022 isaba Inama Njyanama gusiba mu bitabo by'ibaruramari imyenda ikomoka ku nguzanyo za VUP /FS imaze igihe kirekire itishyurwa; Inama Njyanama ishingiye kandi ku ibaruwa<br><br>n$^{0}$ 0222/07.01 yo ku wa 23 Werurwe 2022 Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) yandikiye abayobozi b'Inama Njyanama abasaba gusiba imyenda ikomoka kuri VUP/F. imaze igihe kirekire itishyurwa, Inama Njyanama imaze kubisuzuma no | Komite Nyobozi | Umwenda ungana na **Miliyoni Magana abiri na makumyabiri n'umunani n'ibihumbi Magana atanu n'icyenda n'ijana na mirongo ine n'atatu (228,509,143 FRW)** wamaze gusibwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere |

INAMA NJYANAMA AKARERE KA NYAMAGABE

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | kubyunguranaho ibitekerezo, yemeje ko umwenda ungana na **Miliyoni Magana abiri na makumyabiri n'umunani n'ibihumbi Magana atanu n'icyenda n'ijana na mirongo ine n'atatu (228,509,143 FRW)** usibwa mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere. Urutonde n'ingano y'inguzanyo yabo murarusanga ku mugereka w'ibi byemezo. | | |
| 8 | Gushyiraho Umuyobozi wa Komite y'Ubuzima ya Kaduha. | Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo yemeje ko Padiri HAKIZIMANA Felicien aba umuyobozi wa Komite y'Ubuzima y'Ibitaro bya Kaduha. | Komite Nyobozi | Padiri HAKIZIMANA Felicien yandikiwe ibaruwa imumenyesha ko yagizwe Umuyobozi wa Komite y'Ubuzima y'ibitaro bya Kaduha. |
| 9 | Kwemeza abagize Komite y'ubutaka ku rwego rw'Imirenge | Inama Njyanama ishingiye ku iteka rya Minisitiri n$^0$ 007/MoE/2022 ryo ku wa 12/05/2022 rigenga Komite z'Ubutaka ryasohotse mu igazette ya Leta n$^0$ 23 bis yasohotse ku wa 06/06/2022, yemeje abagize Komite z'Ubutaka ku rwego rw'imirenge yose igize Akarere ka Nyamagabe, abantu batanu kuri buri Murenge. | Komite Nyobozi | Buri murenge ufite komite y'ubutaka |

Ku byemezo 8 byafatiwe mu Nama Njyanama yateranye ku wa 30 Kamena 2022, ibyemezo 8 bingana na 100% byashyizwe mu bikorwa; n'aho icyemezo kimwe cyafashwe mu nama zabanje ntikirashyirwa mu bikorwa.

**RAPORO Y'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 27 KANAMA 2022**

| Nº | INGINGO YIZWE | ICYEMEZO CYAFASHWE | UGOMBA KUGISHYIRA MU BIKORWA | UKO CYASHYIZWE MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Kwemeza ko ibipimo bishya (new indicators) bijya muri gahunda y'iterambere y'Akarere (DDS). | Inama Njyanama yemeje ko ibipimo bibiri bishya byiyongera muri gahunda y'Iterambere y'Akarere ari byo:<br>- Ingo zo mu cyiciro cya I cy'ubudehe zigizwe n'abagenerwabikorwa batishoboye bahabwa akazi k'imirimo y'amaboko yoroheje (*Expanded public works*) n'umubare w'Imirenge izakoreramo;<br>- Ingo zo mu byiciro bya I na II by'ubudehe zigizwe n'abagenerwabikorwa batishoboye bafashwa kugabanya ubugwingire mu bana, bahabwa inkunga y'ingoboka ku babyeyi batwite n'abafite abana batarengeje imyaka 2 (*Nutrition sensitive direct support*). | Komite Nyobozi | Ibipimo bishya byemejwe byongerewe muri gahunda y'iterambere ry'Akarere (DDS) |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 2 | Kwemeza imishinga yo kwimura abantu ku mpamvu y'inyungu rusange mu mwaka wa 2022-2023. | Inama Njyanama yemeje ko imishinga ikurikira igomba kwimura abantu ku mpamvu y'inyungu rusange (Expropriation) :<br>1. Umuyoboro w'amashanyarazi wa MV Rambya - Bushigishigi- Kizimyamuriro wa 11.56 km mu murenge wa Buruhukiro.<br>2. E.P Kimina ku buso bwa 0.7ha mu murenge wa Tare.<br>3. Umuyoboro w'amazi wa Turyango wa 4km mu murenge wa Mugano.<br>4. Umuyoboro w'amazi wa Rubego - Nyabisindu – Kaduha wa 20 km mu murenge wa Kaduha.<br>5. Umuyoboro w'amazi wa Nsekera – Gasenyi wa 15.4km mu murenge wa Musebeya.<br>6. Umuyoboro w'amazi wa Remera – Muganza – Kiraro wa 28.1km mu murenge wa Kibirizi. | Komite Nyobozi | Byarakozwe. |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 7. Kwagura umuyoboro w'amazi wa Ngara – Mbazi wa 5km mu murenge wa Mbazi.<br>8. Umuyoboro w'amazi wa Ngabwe – Ryarubondo – Kabuga wa 23 km mu mirenge ya Kitabi, Tare, Uwinkingi na Kibirizi.<br>9. Kubakira abarokotse Genocide yakorewe abatutsi 1994 batishoboye 50 mu mirenge ya Tare, Gasaka, Cyanika.<br>- Kubaka Ibiraro by' abanyamaguru birindwi 7 mu Mirenge ya Mushubi, Kaduha, Nkomane ,Gatare, Kamegeri, Gasaka , Musange .<br>10. Kubaka no gusana poste de sante eshatu (3) mu murenge wa Nkomanen'umurenge wa Uwinkingi.<br>11. Kubaka ibagiro ry' ingurube mu murenge wa Gasaka.<br>12. Kubaka isoko ry'amatungo rya Kaduha.<br>13. Kwimura imiryango igituye mu manegeka mu mirenge yose. | | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 14. IPRC KITABI (Wood innovation Center Including wood Work Shop) mu murenge wa Gasaka. | | |

Mu byemezo 2 byafashwe mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yateranye ku wa 27 Kanama 2022 byose byashyizwe mu bikorwa bingana na 100%.